



MINISITERI Y'UMUTUNGO KAMERE  
B.P 3502 KIGALI

**ITANGAZO RIGENEWE ABIFUZA IMPUSHYA ZO KURAMBAGIZA, GUSHAKASHAKA NO GUCUKURA AMABUYE Y'AGACIRO N'AYA KARIYERI**

KUGIRA NGO DUFATANYE KUNOZA SERIVISI NO KWIHUTISHA AMADOSIYE ASABA IMPUSHYA ZO KURAMBAGIZA, GUSHAKASHAKA NO GUCUKURA AMABUYE Y'AGACIRO N'AYA KARIYERI;

MINISITERI Y'UMUTUNGO KAMERE IRAMENYESHA ABIFUZA IZO MPUSHYA KO MBERE YO GUSHYIRA DOSIYE MU BUNYAMABANGA RUSANGE BAGOMBA KUBANZA KUREBA NIBA IBISABWA BYOSE MURI DOSIYE ZABO BYUZUYE.

IBYANGOMBWA BISABWA NI IBI BIKURIKIRA:

**1. URUHUSHYA RWO KURAMBAGIZA (ntirurenza imyaka 2)**

1.1 Ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere kazakorerwamo imirimo yandikiwe Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro, Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Umutungo Kamere (RNRA) akagenerwa kopi;

1.2 Ikarita igaragaza ahasabwa (kopi 7) hatarengeje ubuso bwa kilometero kare igihumbi (1.000km<sup>2</sup>);

1.3 Gahunda y'imirimo iteganyijwe, amafaranga izatwara n'igihe izakorerwamo;

1.4 icyemezo cya Sosiyeti gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe kwihutisha Iterambere (RDB). Iyo ari Koperative izana Ubuzimagatozi butangwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Amakoperative (RCA).

**2. URUHUSHYA RWO GUKORA UBUSHAKASHATSI (rumara imyaka 4)**

2.1 Kuba yari afite uruhushya rwo kurambagiza;

2.2 Ibaruwa y'Umuyobozi wa Sosiyeti cyangwa Koperative yandikiwe Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro, Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Umutungo Kamere (RNRA) akagenerwa kopi;

2.3 Raporo y'imirimo y'uburambagizi;

2.4 Ikarita igaragaza ahasabwa (kopi 7) ifite ishusho ya mpande enye zingana zifite uruhande rutarengeje kilometero ebyiri (2 km);

2.5 Kugaragaza ubushobozi ku rwego rwa tekini n'imari na gahunda y'ibikorwa n'iy'ishoramari biteganyijwe;

2.6 Gahunda igaragaza uko ibidukikije bizabungabungwa mu gihe cy'imirimo y'ubushakashatsi (Environmental Protection Plan).

### **3. URUHUSHYA RWO GUCUKURA MINE NTO (rumara imyaka 5)**

3.1 Kuba yari afite uruhushya rwo gukora ubushakashatsi;

3.2 Ibaruwa y'Umuyobozi wa Sosiyeti cyangwa Koperative yandikiwe Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro, Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Umutungo Kamere (RNRA) akagenerwa kopi;

3.3 Raporo y'imirimo y'Ubushakashatsi ikozwe n'inzobere ;

3.4 Ikarita igaragaza ahasabwa (kopi 7) ifite ishusho ya mpande enye zingana zifite uruhande rutarengeje kilometero ebyiri (2 km);

3.5 Kugaragaza ubushobozi ku rwego rwa tekini n'imari na gahunda y'ibikorwa n'iy'ishoramari biteganyijwe;

3.6 Inyigo igaragaza uko ibidukikije bizabungabungwa mu gihe cy'imirimo y'ubucukuzi (EIA: Environmental Impact Assessment).

### **4. URUHUSHYA RWO GUCUKURA KARIYERI (rumara imyaka 5)**

4.1 Ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere kazakorerwamo imirimo yandikiwe Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro, Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Umutungo Kamere (RNRA) akagenerwa kopi;

4.2 Ikarita igaragaza ahasabwa (kopi 7) hafite ubuso burengeje hegitari imwe (1 ha);

4.3 Gahunda y'ibikorwa n'iy'ishoramari biteganyijwe;

4.4 icyemezo cya Sosiyeti gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe kwihutisha Iterambere (RDB). Iyo ari Koperative izana Ubuzimagatozi butangwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Amakoperative (RCA).

4.5 Inyigo igaragaza uko ibidukikije bizabungabungwa mu gihe cy'imirimo y'ubucukuzi (EIA: Environmental Impact Assessment).

### **ICYITONDERWA**

- ❖ Dosiye itazaba igaragaramo ibyangombwa byose bivuzwe haruguru izafatwa nk'ituzuye bityo ntizakirwa.
- ❖ Dosiye yose igomba kuza buri gice kiyigize gifunze neza ukwacyo.
- ❖ Dosiye yose igomba guherekezwa na kopi yayo iri «electronic».Ibiyigize bigashyirwa kuri «Flash Disk», «CD» cyangwa «DVD».

**Ingengabihe ijyanye n'iyakirwa ry'amadosiye cyangwa itangwa ry'impushya z'ubucukuzi iteye ku buryo bukurikira:**

<b>Igikorwa</b>	<b>Igihe</b>
Kwakira amadosiye asaba impushya	Guhera ku itariki ya 1 kugeza ku ya 5 ya buri kwezi
Kwiga ku madosiye no Gutunganya impushya	Guhera ku itariki ya 6 kugeza kuya 19 ya buri kwezi
Gutanga impushya ku bazemerewe	Guhera ku itariki ya 20 kugeza kuya 25 ya buri kwezi
Gukemura ibibazo bijyanye n'itangwa ry'impushya	Guhera ku itariki ya 26 kugeza ku ya 30 ya buri kwezi

**Icyitonderwa:**

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara telephone zikurikira: MTN 0789053600 cyangwa TIGO 0728503602, mushobora no kutwoherereza ubutumwa kuri email: [applicationsmining@yahoo.com](mailto:applicationsmining@yahoo.com) ndetse n'urubuga rwa facebook rwitwa "Rwanda Mining Cadastre Office"

Bikorewe i Kigali, ku wa ..... **27 MAY 2013** .....

**IMENA Evode**  
**Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe**  
**Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro**

